

Ikiganiro cya 6 Ibibazo bifasha kwisuzuma

1. Abantu bakuru bafasha abana bagomba:

- a. Kwibanda ku gushyikirana no gusabana n'abana. Kubona ibyo abana bakeneye by'ibanze ntabwo ari ingenzi cyane.
- b. Kubona ibyo abana bakeneye by'ibanze, kubafasha kumva ko hari umuntu ubitayeho.
- c. Kubona ibyo abana bakeneye by'ibanze no gushyigikira imibanire yabo n'abandi bantu.
- d. Kwita ku bana ukagena umwanya uhagije wo gushyikirana nabo.

2. Iyo umwana arakaye, umuntu mukuru umwitaho akamurema icyizere n'umutekano akeneye akunze kugaragaza ibikurikira:

- a. Kurushaho kurakara kugira ngo akange umwana no kumgusha neza.
- b. Ibikorwa bitarimo kujenjeka ariko bikoze mu buryo butuje kandi neza. Nta kwigana ibyiyumviro by'umwana.
- c. Guseka no kumwenyura, gufasha umwana guseka.
- d. Kwereka ko ntacyabaye.

3. Abana biyubatsemo icyizere n'umutekano babifashijwemo n'umuntu mukuru bibonamo iyo bakuze, bakunze:

- a. Kwizera abandi bantu.
- b. Kwizera bo ubwabo gusa.
- c. Kwizera umuntu mukuru ubafasha gusa.
- d. Kwizera urungano gusa.

4. Abana biyubatsemo icyizere n'umutekano babifashijwemo n'umuntu mukuru bakunze kwitwara mu buryo bukurikira iyo umuntu mukuru ubitaho agiye:

- a. Barababara ariko ntibatinda gutuza bagatangira gukina.
- b. Barishima.
- c. Bariheba.
- d. Ntacyo bagaragaza.

5. Niba umuntu ufasha umwana yigeze gufatwa nabi n'abandi bantu bamwitagaho, agomba:
- a. Kugerageza kubyibagirwa.
 - b. Gufata abana muri ubwo buryo kuko byamufashije bikamukomeza.
 - c. Gutekereza uburyo yakorohera abana akabafata abana.
 - d. Gutoza abana gufata nabi bagenzi babo kugira ngo bamenye kurengera uburenganzira bwabo.